# *Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup.*


## A. *Itegeko Ngenga/ Organic Law / Loi Organique*

**N° 003/2018/OL ryo ku wa 18/05/2018**
Itegeko Ngenga rihindura itegeko ngenga n° 001/2016/OL ryo ku wa 20/04/2016 rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta……………………………………………………….2
**N° 003/2018/OL of 18/05/2018**
Organic Law modifying organic law nº 001/2016/OL of 20/04/2016 establishing general provisions governing public institutions……………………………………………………………2
**N° 003/2018/OL du 18/05/2018**
loi organique modifiant la loi organique n° 001/2016/OL du 20/04/2016 portant dispositions generales regissant les etablissements publics……………………………………………...2

## B. *Amateka ya Perezida / Presidential Orders / Arrêtés Présidentiels*

**N° 98/01 ryo ku wa 02/06/2018**
Iteka rya Perezida rigena iminsi y'amatora n'igihe cyo kwiyamamaza mu matora y'Abadepite…………………………………………………………………………………6
**N° 98/01 of 02/06/2018**
Presidential Order fixing polling days and electoral campaign period for Deputies……………6
**N° 98/01 du 02/06/2018**
Arrêté Présidentiel portant fixation des jours du scrutin et de la période de la campagne électorale pour les Députés…………………………………………………………………….6

**N° 99/01 ryo ku wa 02/06/2018**
Iteka rya Perezida rishyiraho Ikigo Ngororamuco cy'Iwawa………………………………..12
**N° 99/01 of 02/06/2018**
Presidential Order establishing Iwawa Rehabilitation Center………………………………..12
**N° 99/01 du 02/06/2018**
Arrêté Présidentiel portant création d'un Centre de Réhabilitation de Iwawa……………….12

**N° 100/01 ryo ku wa 02/06/2018**
Iteka rya Perezida rishyiraho Ikigo Ngororamuco cya Gitagata……………………………..25
**N° 100/01 of 02/06/2018**
Presidential Order establishing Gitagata Rehabilitation Center……………………………...25
**N° 100/01 du 02/06/2018**
Arrêté Présidentiel portant création d'un Centre de Réhabilitation de Gitagata………………25

**Nº 101/01 ryo ku wa 02/06/2018**
Iteka rya Perezida rishyiraho Ikigo Ngororamuco cya Nyamagabe………………………….39
**N° 101/01 of 02/06/2018**
Presidential Order establishing Nyamagabe Rehabilitation Center………………………….39
**N° 101/01 du 02/06/2018**
Arrêté Présidentiel portant création d'un Centre de Réhabilitation de Nyamagabe…………...39

**ITEGEKO NGENGA N° 003/2018/OL RYO KU WA 18/05/2018 RIHINDURA ITEGEKO NGENGA N° 001/2016/OL RYO KU WA 20/04/2016 RISHYIRAHO AMATEGEKO RUSANGE AGENGA IBIGO BYA LETA**

**ORGANIC LAW N° 003/2018/OL OF 18/05/2018 MODIFYING ORGANIC LAW Nº 001/2016/OL OF 20/04/2016 ESTABLISHING GENERAL PROVISIONS GOVERNING PUBLIC INSTITUTIONS**

**LOI ORGANIQUE N° 003/2018/OL DU 18/05/2018 MODIFIANT LA LOI ORGANIQUE N° 001/2016/OL DU 20/04/2016 PORTANT DISPOSITIONS GENERALES REGISSANT LES ETABLISSEMENTS PUBLICS**

**ISHAKIRO**

**Ingingo ya mbere: Igihe cy'inzibacyuho**

**Ingingo ya 2: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko ngenga**

**Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko ngenga**

**Ingingo ya 4: Igihe iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa**

**TABLE OF CONTENTS**

**Article One: Transitional period**

**Article 2: Drafting, consideration and adoption of this Organic Law**

**Article 3: Repealing provision**

**Article 4: Commencement**

**TABLE DES MATIERES**

**Article premier: Période transitoire**

**Article 2: Initiation, examen et adoption de la présente loi organique**

**Article 3: Disposition abrogatoire**

**Article 4: Entrée en vigueur**

**ITEGEKO NGENGA N° 003/2018/OL RYO KU WA 18/05/2018 RIHINDURA ITEGEKO NGENGA N° 001/2016/OL RYO KU WA 20/04/2016 RISHYIRAHO AMATEGEKO RUSANGE AGENGA IBIGO BYA LETA**

**Twebwe, KAGAME Paul**,
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO NGENGA RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 3 Mata 2018;

Sena, mu nama yayo yo ku wa 16 Mata 2018;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003

**ORGANIC LAW N° 003/2018/OL OF 18/05/2018 MODIFYING ORGANIC LAW Nº 001/2016/OL OF 20/04/2016 ESTABLISHING GENERAL PROVISIONS GOVERNING PUBLIC INSTITUTIONS**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING ORGANIC LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 3 April 2018;

The Senate, in its session of 16 April 2018;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015,

**LOI ORGANIQUE N° 003/2018/OL DU 18/05/2018 MODIFIANT LA LOI ORGANIQUE N° 001/2016/OL DU 20/04/2016 PORTANT DISPOSITIONS GÉNÉRALES RÉGISSANT LES ÉTABLISSEMENTS PUBLICS**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE, ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI ORGANIQUE DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 3 avril 2018;

La Sénat, en sa séance du 16 avril 2018;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015

ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 85, iya 87, iya 88, iya 90, iya 91, iya 94, iya 106, iya 120, iya 139 n'iya 176;

Isubiye ku Itegeko Ngenga n° 001/2016/OL ryo ku wa 20/04/2016 rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta;

**YEMEJE:**

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Igihe cy'inzibacyuho**

Ingingo ya 27 y'Itegeko Ngenga n° 001/2016/OL ryo ku wa 20/04/2016 rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta ihinduwe ku buryo bukurikira:

"Amategeko yose ashyiraho ibigo bya Leta akurikizwa kugeza ubu agomba kuba yahujwe n'iri Tegeko Ngenga mu gihe kitarenze imyaka ine (4) ibarwa uhereye tariki ya 5 Gicurasi 2016".

**<u>Ingingo ya 2</u>: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko ngenga**

Iri tegeko ngenga ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

especially in Articles, 64, 69, 70, 85, 87, 88, 90, 91, 94, 106, 120, 139 and 176;

Having reviewed Organic Law nº 001/2016/OL of 20/04/2016 establishing general provisions governing public institutions;

**ADOPTS:**

**<u>Article One</u>: Transitional period**

Article 27 of Organic Law nº 001/2016/OL of 20/04/2016 establishing general provisions governing public institutions is modified as follows:

"All existing laws establishing public institutions must be in conformity with this Organic Law within a period of four (4) years from 5 May 2016".

**<u>Article 2</u>: Drafting, consideration and adoption of this Organic Law**

This Organic Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.

spécialement en ses articles, 64, 69, 70, 85, 87, 88, 90, 91, 94, 106, 120, 139 et 176;

Revu la Loi Organique n° 001/2016/OL du 20/04/2016 portant disposition générales régissant les établissements publics;

**ADOPTE:**

**<u>Article premier</u>: Période transitoire**

L'article 27 de la Loi Organique n° 001/2016/OL du 20/04/2016 portant disposition générale régissant les établissements publics est modifié comme suit:

"Toutes les lois en vigueur portant création des établissements publics doivent se conformer à la présente loi organique dans un délai ne dépassant pas quatre (4) ans à compter du 5 mai 2016".

**<u>Article 2</u>: Initiation, examen et adoption de la présente loi organique**

La présente loi organique a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko ngenga**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri tegeko ngenga kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Ingingo ya 4: Igihe iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 18/05/2018

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika
**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**
**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Article 3: Repealing provision**

All prior legal provisions contrary to this Organic Law are repealed.

**Article 4: Commencement**

This Organic Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 18/05/2018

**(sé)**
**KAGAME Paul**
President of the Republic
**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**
**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

**Article 3: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi organique sont abrogées.

**Article 4: Entrée en vigueur**

La présente loi organique entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 18/05/2018

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Président de la République
**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**ITEKA RYA PEREZIDA N° 98/01 RYO KU WA 02/06/2018 RIGENA IMINSI Y'AMATORA N'IGIHE CYO KWIYAMAMAZA MU MATORA Y'ABADEPITE**

**PRESIDENTIAL ORDER N° 98/01 OF 02/06/2018 FIXING POLLING DAYS AND ELECTORAL CAMPAIGN PERIOD FOR DEPUTIES**

**ARRETE PRESIDENTIEL N° 98/01 DU 02/06/2018 PORTANT FIXATION DES JOURS DU SCRUTIN ET DE LA PERIODE DE LA CAMPAGNE ELECTORALE POUR LES DEPUTES**

**ISHAKIRO**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

**Ingingo ya 2: Igihe cyo gutangira no gusoza kwiyamamaza**

**Ingingo ya 3: Iminsi y'amatora y'Abadepite mirongo itanu na batatu**

**Ingingo ya 4: Iminsi y'amatora y'Abadepite batorwa n'inzego zihariye**

**Ingingo ya 5: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka**

**Ingingo ya 6: Ivanwaho ry'ingingo z'amateka zinyuranyije n'iri teka**

**Ingingo ya 7: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

**TABLE OF CONTENTS**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article 2: Opening and closing of election campaigns**

**Article 3: Polling days for fifty-three Deputies**

**Article 4: Polling days for Deputies elected by specialized organs**

**Article 5: Authorities responsible for the implementation of this Order**

**Article 6: Repealing provision**

**Article 7: Commencement**

**TABLE DES MATIERES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

**Article 2: Début et fin de la campagne électorale**

**Article 3: Jours du scrutin pour cinquante-trois Députés**

**Article 4: Jours du scrutin pour les Députés élus par les organes spécialisés**

**Article 5: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**

**Article 6: Disposition abrogatoire**

**Article 7: Entrée en vigueur**

**ITEKA RYA PEREZIDA N° 98/01 RYO KU WA 02/06/2018 RIGENA IMINSI Y'AMATORA N'IGIHE CYO KWIYAMAMAZA MU MATORA Y'ABADEPITE**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 122 n'iya 176;

Dushingiye ku Itegeko n° 27/2010 ryo ku wa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 64;

Bisabwe na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;

Inama y'Abaminisitiri, yateranye ku wa 14/02/2018, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:**

**PRESIDENTIAL ORDER N° 98/01 OF 02/06/2018. FIXING POLLING DAYS AND ELECTORAL CAMPAIGN PERIOD FOR DEPUTIES**

**We**, **KAGAME Paul**,
President of Republic;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 112, 122 and 176;

Pursuant to Law n° 27/2010 of 19/06/2010 relating to elections as modified and complemented, especially in Article 64;

On proposal by the Minister of Local Government;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 14/02/2018;

**HAVE ORDERED AND HEREBY ORDER:**

**ARRETE PRESIDENTIEL N° 98/01 DU 02/06/2018 PORTANT FIXATION DES JOURS DU SCRUTIN ET DE LA PERIODE DE LA CAMPAGNE ELECTORALE POUR LES DEPUTES**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 112, 122 et 176;

Vu la Loi n° 27/2010 du 19/06/2010 relative aux élections telle que modifiée et completée à ce jour, spécialement en son article 64;

Sur proposition du Ministre de l'Administration Locale;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 14/02/2018;

**AVONS ARRETE ET ARRETONS:**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rigena iminsi y'amatora n'igihe cyo kwiyamamaza mu matora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite, mu mwaka wa 2018.

**Ingingo ya 2: Igihe cyo gutangira no gusoza kwiyamamaza**

Igikorwa cyo kwiyamamaza ku Badepite mirongo itanu na batatu (53) batorerwa kuri lisiti y'amazina ndakuka y'abakandida batangwa n'imitwe ya politiki cyangwa biyamamaza ku giti cyabo, gitangira ku wa mbere, tariki ya 13 Kanama 2018, saa kumi n'ebyiri (06:00) za mu gitondo z'aho kwiyamamaza bibera.

Igikorwa cyo kwiyamamaza gihagarara:

1 º ku wa gatandatu tariki ya 01 Nzeri 2018 saa kumi n'ebyiri (06:00) za mu gitondo hanze y'u Rwanda;

2 º ku cyumweru tariki ya 02 Nzeri 2018 saa kumi n'ebyiri (06:00) za mu gitondo imbere mu Gihugu.

**Article One: Purpose of this Order**

This Order determines the polling days and the electoral campaign period for Members of Parliament, the Chamber of Deputies, in 2018.

**Article 2: Opening and closing of election campaigns**

Election campaign period for fifty-three (53) Deputies elected from a fixed list of names of candidates proposed by political organizations or independent candidates starts on Monday, 13 August 2018, at 6.00 am local time.

The election campaign closes:

1 º on Saturday, 01 September 2018 at 6.00 am outside Rwanda;

2 º on Sunday 02 September 2018 at 6.00 am in the Country.

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté détermine les jours du scrutin et la période de la campagne électorale pour les Membres du Parlement, la Chambre des Députés, en 2018.

**Article 2: Début et fin de la campagne électorale**

La campagne électorale pour les cinquante-trois (53) Députés élus sur une liste bloquée des noms des candidats proposés par les formations politiques ou des candidats indépendants commence lundi, le 13 *août* 2018, à partir de six heures (6h00) du matin heure locale.

La campagne électorale prend fin:

1 º samedi le 01 *septembre* 2018, à six heures (6h00) du matin à l'étranger;

2 º dimanche le 02 *septembre* 2018 à six heures (6h00) du matin sur le territoire national.

**Ingingo ya 3: Iminsi y'amatora y'Abadepite mirongo itanu na batatu**

Mu Gihugu hose, umunsi w'itora ry'Abadepite mirongo itanu na batatu (53) batorerwa kuri lisiti y'amazina ndakuka y'abakandida batangwa n'imitwe ya politiki cyangwa biyamamaza ku giti cyabo ni ku wa mbere tariki ya 03 Nzeri 2018. Ku Banyarwanda batorera hanze y'u Rwanda, umunsi w'itora ni ku cyumweru tariki ya 02 Nzeri 2018.

**Ingingo ya 4: Iminsi y'amatora y'Abadepite batorwa n'inzego zihariye**

Iminsi y'amatora y'Abadepite batorwa n'inzego zihariye iteye ku buryo bukurikira:

1 º **ku cyumweru, tariki ya 2 Nzeri 2018:** Umudepite umwe (1) utorwa n'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga;

2 º **ku wa kabiri, tariki ya 04 Nzeri 2018:** Abadepite makumyabiri na bane (24) b'abagore batorwa n'inzego zihariye hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu n'Abadepite

**Article 3: Polling days for fifty-three Deputies**

Throughout the Country, the polling day for fifty-three (53) Deputies elected from a fixed list of names of candidates proposed by political organizations or for independent candidates is fixed on Monday, 03 September 2018. For Rwandans who vote from outside Rwanda, the polling day is fixed on Sunday, 02 September 2018.

**Article 4: Polling days for Deputies elected by specialized organs**

The polling days for Deputies elected by specialized organs are fixed as follows:

1 º **Sunday, 02 September 2018:** one (1) Deputy elected by the National Council of Persons with Disabilities;

2 º **Tuesday, 04 September 2018:** twenty-four (24) female Deputies elected by specific electoral colleges in accordance with the national administrative entities and

**Article 3: Jours du scrutin pour cinquante-trois Députés**

Sur le territoire national, le jour du scrutin pour les cinquante-trois (53) Députés élus sur une liste bloquée des noms des candidats proposés par les formations politiques ou pour les candidats indépendants est fixé au lundi, le 03 *septembre 2018.* Pour les ressortissants Rwandais votant à l'étranger, le jour du scrutin est fixé à dimanche, le 02 *septembre* 2018.

**Article 4: Jours du scrutin pour les Députés élus par les organes spécialisés**

Les jours de scrutin pour les Députés élus par les organes spécialisés sont fixés comme suit :

1 º **dimanche, le 02 septembre 2018*:*** un (1) Député élu par le Conseil National des Personnes Handicapées;

2 º **mardi, le 04 septembre 2018:** vingt-quatre (24) députés de sexe féminin élus par des collèges électoraux spécifiques en fonction des entités administratives du pays

babiri (2) batorwa n'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko.

two (2) Deputies elected by the National Youth Council.

et deux (2) Députés élus par le Conseil National de la Jeunesse.

**Ingingo ya 5: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka**

Minisitiri w'Intebe, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umuryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.

**Article 5: Authorities responsible for the implementation of this Order**

The Prime Minister, the Minister of Local Government, the Minister of Foreign Affairs, Cooperation and East African Community and the Minister of Finance and Economic Planning are enstrusted with the implementation of this Order.

**Article 5: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**

Le Premier Ministre, le Ministre de l'Administration Locale, le Ministre des Affaires Etrangères, de la Coopération et de la Communauté d'Afrique de l'Est et le Ministre des Finances et de la Planification Economique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

**Ingingo ya 6: Ivanwaho ry'ingingo z'amateka zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Article 6: Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

**Article 6: Disposition abrogatoire**

Toutes les dipositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Ingingo ya 7: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**Article 7: Commencement**

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**Article 7: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa 02/06/2018

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on 02/06/2018

**(sé)**
**KAGAME Paul**
President of the Republic

**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/**Attorney General**

Kigali, le 02/06/2018

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**ITEKA RYA PEREZIDA N° 99/01 RYO KU WA 02/06/2018 RISHYIRAHO IKIGO NGORORAMUCO CY'IWAWA**

## ISHAKIRO


**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

**Ingingo ya 2: Ishyirwaho ry'Ikigo Ngororamuco**

**Ingingo ya 3: Icyicaro**

**UMUTWE WA II: INSHINGANO Z'IKIGO**

**Ingingo ya 4: Inshingano z'Ikigo**

**UMUTWE WA III: IMIKORERE Y'IKIGO**

**Ingingo ya 5: Uwemerewe kwakirwa mu Kigo**


**PRESIDENTIAL ORDER N° 99/01 OF 02/06/2018 ESTABLISHING IWAWA REHABILITATION CENTER**

## TABLE OF CONTENTS


**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article 2: Establishment of a Rehabilitation Center**

**Article 3: Head office**

**CHAPTER II: RESPONSIBILITIES OF THE CENTER**

**Article 4: Responsibilities of the Center**

**CHAPTER III: FUNCTIONING OF THE CENTER**

**Article 5: Eligible person to be admitted in the Center**


**ARRETE PRESIDENTIEL N° 99/01 DU 02/06/2018 PORTANT CREATION D'UN CENTRE DE REHABILITATION DE IWAWA**

## TABLE DE MATIERES


**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Object du présent arrêté**

**Article 2: Création d'un Centre de Réhabilitation**

**Article 3: Siège**

**CHAPITRE II: ATTRIBUTIONS DU CENTRE**

**Article 4: Attributions du Centre**

**CHAPITRE III: FONCTIONNEMENT DU CENTRE**

**Article 5: Personne éligible pour être admise au Centre**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 6: Uburyo bwo kujyanwa mu Kigo** | **Article 6: Modalities for transfer to the Center** | **Article 6: Modalités de transfert au Centre** |
| **Ingingo ya 7: Uburyo bwo kwakirwa mu Kigo** | **Article 7: Modalities for reception at the Center** | **Article 7: Modalités d'accueil au Centre** |
| **Ingingo ya 8: Umutekano w'aboherejwe mu Kigo** | **Article 8: Security of persons transferred to the Center** | **Article 8: Sécurité des personnes transferées au Centre** |
| **Ingingo ya 9: Kumenyesha umuryango w'uwakiriwe** | **Article 9: Notice to the family of the admitted person** | **Article 9: Notification à la famille de la personne accueillie** |
| **Ingingo ya 10: Ibigenerwa uwakiriwe mu Kigo** | **Article 10: Means allocated to a person admitted in the Center** | **Article 10: Moyens alloués à la personne admise au Centre** |
| **Ingingo ya 11: Inyigisho n'ubumenyingiro bigenerwa abakiriwe mu Kigo** | **Article 11: Training and technical know-how for persons admitted in the Center** | **Article 11: Formation et savoir faire pour les personnes admises au Centre** |
| **Ingingo ya 12: Igihe uwakiriwe amara mu Kigo** | **Article 12: Period of stay in the Center** | **Article 12: Durée de séjour dans le Centre** |
| **Ingingo ya 13: Impuzankano y'abakiriwe mu Kigo** | **Article 13: Uniform for persons in the Center** | **Article 13: Uniforme des personnes au Centre** |
| **Ingingo ya 14: Uburenganzira bwo gusurwa** | **Article 14: Right to a visit** | **Article 14: Droit de visite** |
| **Ingingo ya 15: Imikino n'imyidagaduro** | **Article 15: Sports and leisure** | **Article 15: Sports et loisirs** |
| **Ingingo ya 16: Imyitwarire** | **Article 16: Conduct** | **Article 16: Conduite** |
| **Ingingo ya 17: Gusubizwa mu muryango** | **Article 17: Family reintegration** | **Article 17: Réintegration familiale** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 18: Abakozi b'Ikigo** | **Article 18: Staff of the Center** | **Article 18: Personnel du Centre** |
| **Ingingo ya 19: Itangwa rya raporo** | **Article 19: Submission of report** | **Article 19: Transmission de rapport** |
| **UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA** | **CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES** |
| **Ingingo ya 20: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka** | **Article 20: Authorities responsible for the implementation of this Order** | **Article 20: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté** |
| **Ingingo ya 21: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **Article 21: Repealing provision** | **Article 21: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 22: Igihe iteka ritangira gukurikizwa** | **Article 22: Commencement** | **Article 22: Entrée en vigueur** |

**ITEKA RYA PEREZIDA N° 99/01 RYO KU WA 02/06/2018 RISHYIRAHO IKIGO NGORORAMUCO CY'IWAWA**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 122 n'iya 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 17/2017 ryo ku wa 28/04/2017 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Igororamuco rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 31 n'iya 32;

Bisabwe na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;

Inama y'Abaminisitiri, yateranye ku wa 14/02/2018, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:**

**PRESIDENTIAL ORDER N° 99/01 OF 02/06/2018 ESTABLISHING IWAWA REHABILITATION CENTER**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 112, 122 and 176;

Pursuant to Law n° 17/2017 of 28/04/2017 establishing the National Rehabilitation Service and determining its mission, organisation and functioning, especially in Articles 31 and 32;

On proposal by the Minister of Local Government;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 14/02/2018;

**HAVE ORDERED AND HEREBY ORDER:**

**ARRETE PRESIDENTIEL N° 99/01 DU 02/06/2018 PORTANT CREATION D'UN CENTRE DE REHABILITATION DE IWAWA**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 112, 122 et 176;

Vu la Loi n° 17/2017 du 28/04/2017 portant création du Service National de Réhabilitation et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement, spécialement en ses articles 31 et 32;

Sur proposition du Ministre de l'Administration Locale;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 14/02/2018;

**AVONS ARRETE ET ARRETONS:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rishyiraho Ikigo Ngororamuco cya IWAWA, rikanagena inshingano n'imikorere byacyo.

**Ingingo ya 2: Ishyirwaho ry'Ikigo Ngororamuco**

Hashyizweho Ikigo Ngororamuco cya IWAWA cyitwa "Ikigo" mu ngingo zikurikira.

**Ingingo ya 3: Icyicaro cy'Ikigo**

Icyicaro cy'ikigo kiri mu Karere ka Rutsiro, Intara y'Iburengarazuba.

**UMUTWE WA II: INSHINGANO Z'IKIGO**

**Ingingo ya 4: Inshingano z'Ikigo**

Ikigo gifite inshingano zikurikira:

1° kwakira abashyikirijwe Ikigo no kwandika mu gitabo cyabugenewe umwirondoro wa buri muntu;

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

This Order establishes IWAWA Rehabilitation Center and determines its responsibilities and functionning.

**Article 2: Establishment of a Rehabilitation Center**

IWAWA Rehabilitation Center referred to as "Center" in the following provisions is established.

**Article 3: Head office**

The head office of the Center is located in Rutsiro District, Western Province.

**CHAPTER II: RESPONSIBILITIES OF THE CENTER**

**Article 4: Responsibilities of the Center**

The Center has the following responsibilities:

1° to receive persons transferred to the Center and register each person's identification in the prescribed registry;

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Object du présent arrêté**

Le présent arrêté porte création d'un Centre de Réhabilitation de IWAWA et détermine ses attributions et son fonctionnement.

**Article 2: Création d'un Centre de Réhabilitation**

Il est créé un Centre de Réhabilitation de IWAWA dénommé "Centre" dans les dispositions ci-après.

**Article 3: Siège**

Le siège du Centre se trouve dans le District de Rutsiro, Province de l'Ouest.

**CHAPITRE II: ATTRIBUTIONS DU CENTRE**

**Article 4: Attributions du Centre**

Le Centre a les attributions suivantes:

1 º accueillir les personnes transférées au Centre et inscrire l'identification de chacune au registre prévu à cet effet ;

2° gutunga abakiriwe n'Ikigo no kubaha ubuvuzi bw'ibanze, ubujyanama n'ubuvuzi bwihariye ku babukeneye;

3° gushyira mu bikorwa gahunda y'ubujyanama n'ibiganiro bihabwa abakiriwe mu Kigo bigamije kubagarura mu murongo mwiza ubaganisha ku myitwarire itabangamiye abaturage;

4° gutanga inyigisho z'ubumenyi n'ubumenyingiro ku bakiriwe mu Kigo zibategurira gusubira mu buzima busanzwe hakurikijwe gahunda y'inzego za Leta zifite izo nyigisho mu nshingano zazo;

5° gukora isuzumabumenyi nyuma ya buri cyiciro cy'inyigisho ku bufatanye n'inzego zibifitiye ububasha;

6° kwita ku isuku n'umutekano, no gufata ingamba zose zikumira indwara z'ibyorezo mu Kigo;

7° gushyiraho gahunda y'imikino n'imyidagaduro itandukanye y'abakiriwe mu Kigo;

2° to maintain the persons admitted in the Center and give them basic medical care, counseling and special health care to those who need it;

3° to implement programs of counseling and dialogue provided to persons admitted in the Center for the purpose of their rehabilitation towards behaviors that are not detrimental to the community;

4° provide general and professional education to persons admitted in the Center preparing them for reintegration into normal life in accordance with Government institutions in charge of such education;

5° to carry out knowledge assessment after each level of education in collaboration with the competent institutions;

6° to ensure hygiene and security, and safety measures for prevention of epidemic diseases at the Center;

7° to establish various sports and leisure programs for those admitted in the Center;

2 º entretenir les personnes admises au Centre et leur fournir des soins médicaux de base, des conseils et des soins médicaux particuliers aux nécessiteux;

3 º mettre en oeuvre le programme de conseils et de dialogues dispensés aux personnes admises au Centre dans le but de leur réhabilitation en vue d'une conduite qui ne porte pas atteinte à la communauté;

4 º dispenser l'éducation générale et professionnelle aux personnes admises au Centre visant leur réintégration sociale selon des programmes des organes de l'Etat ayant ce genre d'éducation dans leurs attributions;

5 º mener une évaluation de connaissances après chaque niveau d'éducation en collaboration avec les institutions habilitées;

6 º veiller à l'hygiène et à la sécurité, et prendre des dispositions de prévention des maladies épidémiques au Centre;

7 º établir un programme de jeux et de loisirs divers pour les personnes admises au Centre;

8° gushyiraho amabwiriza ngengamyitwarire y'abakiriwe mu Kigo;

9° gushyiraho gahunda z'uburyo Ikigo gikora imirimo cyangwa ibikorwa bibyara inyungu;

10° gukora indi mirimo iyo ari yo yose yafasha mu kugorora no gushyira mu murongo uboneye uwashyikirijwe Ikigo.

8° to establish a code of conduct for persons admitted in the Center;

9° to establish programs of income generating activities for the Center;

10° to carry out any other activities that may help to rehabilitate and provide conduct orientation of a person transferred to the Center.

8 º établir un code de conduite pour les personnes admises au Centre;

9 º mettre en place des programmes d'activités génératrices de revenus pour le Centre;

10 º mener toutes les autres activités pouvant permettre la réhabilitation et la bonne orientation d'une personne transférée au Centre.

## UMUTWE WA III: IMIKORERE Y'IKIGO

### Ingingo ya 5: Uwemerewe kwakirwa mu Kigo

Ikigo cyakira abantu b'igitsina gabo gusa bafite nibura imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko baturuka mu bigo binyurwamo by'igihe gito, bimaze kwemezwa n'urwego rubifitiye ububasha.

### Ingingo ya 6: Uburyo bwo kujyanwa mu Kigo

Ubuyobozi bw'Akarere cyangwa bw'Umujyi wa Kigali bushyikiriza Ikigo uwemejwe ko ajyanwamo kugororwa.

## CHAPTER III: FUNCTIONING OF THE CENTER

### Article 5: Eligible person to be admitted in the Center

The Center admits only males with at least eighteen (18) years of age from the established transit centers, after approval by a competent organ.

### Article 6: Modalities for transfer to the Center

Authority of the District or City of Kigali transfer to the Center the person designated for rehabilitation.

## CHAPITRE III: FONCTIONNEMENT DU CENTRE

### Article 5: Personne éligible pour être admise au Centre

Le Centre admet seulement les personnes du sexe masculin ayant l'âge dix-huit (18) ans au moins provenant des centres de transit établis, après approbation par un organe compétent.

### Article 6: Modalités de transfert au Centre

L'administration de District ou de la Ville de Kigali transfère au Centre la personne désignée pour y être transférée en vue de sa réhabilitation.

**Ingingo ya 7: Uburyo bwo kwakirwa mu Kigo**

Iyo ugororwa agejejwe mu Kigo arasuzumwa kugira ngo harebwe niba nta ndwara yihariye afite kandi akandikwa mu bitabo by'Ikigo bishyirwaho na Minisitiri ufite igororamuco mu nshingano ze.

**Ingingo ya 8: Umutekano w'aboherejwe mu Kigo**

Polisi y'Igihugu icunga umutekano w'aboherejwe mu Kigo bava mu kigo kinyurwamo by'igihe gito.

**Ingingo ya 9: Kumenyesha umuryango w'uwakiriwe**

Ubuyobozi bw'Akarere uwakiriwe mu Kigo akomokamo bumenyesha umuryango w'uwakiriwe cyangwa uwo bashakanye iyo ahari, ko yoherejwe mu Kigo n'igihe azamaramo.

**Ingingo ya 10: Ibigenerwa uwakiriwe mu Kigo**

Uwakiriwe mu Kigo yishingirwa na Leta ku bintu byose, harimo icumbi, ibimutunga,

**Article 7: Modalities for reception at the Center**

Upon arrival at the Center, the person to be rehabilitated is examined to ensure that he or she has no particular illness and he or she is registered in the registry of the Center established by the Minister in charge of rehabilitation.

**Article 8: Security of persons transferred to the Center**

The National Police ensures the security of persons transferred to the Center.

**Article 9: Notice to the family of the admitted person**

The District authorities from which the person admitted in the Center resides, notifies his or her family or his or her spouse if applicable, that the person was admitted in the Center and the time of his or her stay at the Center.

**Article 10: Means allocated to a person admitted in the Center**

A person admitted in the Center is given by the State all related needs, including,

**Article 7: Modalités d'accueil au Centre**

Dès son arrivée au Centre, la personne à réhabiliter fait l'objet d'un examen médical pour s'assurer qu'elle n'a pas de maladie particulière et elle est inscrite aux registres du Centre établis par le Ministre ayant la réhabilitation dans ses attributions.

**Article 8: Sécurité des personnes transferées au Centre**

La Police Nationale s'assure de la sécurité des personnes transférées au Centre.

**Article 9: Notification à la famille de la personne accueillie**

L'autorité du District de provenance de la personne admise au Centre notifie à la famille de la personne accueillie, ou le cas échéant à son conjoint, que la personne a été admise dans le Centre de réhabilitation et le temps qu'elle va y passer.

**Article 10: Moyens alloués à la personne admise au Centre**

La personne admise au Centre bénéficie, aux frais de l'Etat, du logement, de la nourriture,

kumuvuza, kumwambika n'ibindi by'ibanze byose bikenerwa mu buzima bwa buri munsi.

Iyo uwakiriwe n'Ikigo apfuye adafite umuryango, ashyingurwa na Leta.

**<u>Ingingo ya 11</u>: Inyigisho n'ubumenyingiro bigenerwa abakiriwe mu Kigo**

Inyigisho n'ubumenyingiro bigenerwa abagororerwa mu Kigo bigomba kubahiriza gahunda z'urwego rwa Leta rushinzwe ibyerekeye ubumenyingiro bwigishwa mu gihe kigufi n'igiciriritse n'iy'izindi nzego zishinzwe gahunda y'inyigisho ngororamuco.

**<u>Ingingo ya 12</u>: Igihe uwakiriwe amara mu Kigo**

Ubuyobozi bw'Ikigo bugena igihe ugororwa amara mu Kigo hakurikijwe gahunda y'ubumenyingiro y'igihe kigufi cyangwa giciriritse akurikira ndetse n'inyigisho ngororamuco ahabwa.

accommodation, food, medical care clothing and all other basic needs required in his or her daily life.

If a person admitted in the Center dies without a family, funeral expenses are incurred by the State.

**<u>Article 11</u>: Training and technical know-how for persons admitted in the Center**

The training and technical know-how given to the rehabilitated persons must be in accordance with the programs established by the state organ in charge of short and medium term vocational trainings and other organs in charge of rehabilitation programs.

**<u>Article 12</u>: Period of stay in the Center**

The management of the Center determines the period a person spends in the Center depending on the short or medium term training program and the type of rehabilitation program he or she receives.

des soins médicaux et de tous les autres besoins de base de la vie quotidienne.

Si une personne accueillie au Centre décède sans avoir une famille, les frais funéraires sont assurés par l'Etat.

**<u>Article 11</u>: Formation et savoir faire pour les personnes admises au Centre**

La formation et le savoir-faire dont bénéficient les personnes en réhabilitation doivent être dispensés conformément au programme de l'organe de l'Etat ayant la formation professionnelle, dispensée à court et à moyen terme, dans ses attributions et celui d'autres organes chargés des programmes de réhabilitation.

**<u>Article 12</u>: Durée de séjour dans le Centre**

La direction du Centre détermine le temps que la personne en réhabilitation y passe suivant le programme de formation à court ou moyen terme qui lui est reservé et le programme de réhabilitation dont elle bénéficie.

**Ingingo ya 13: Impuzankano y'abagororerwa mu Kigo**

Impuzankano y'abagororerwa mu Kigo igenwa n'Ubuyobozi bw'Ikigo bufatanyije n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Igororamuco, bamaze kugisha inama Minisitiri ufite igororamuco mu nshingano ze.

**Ingingo ya 14: Uburenganzira bwo gusurwa**

Abagororerwa mu Kigo bafite uburenganzira bwo gusurwa n'imiryango yabo n'inshuti ku masaha n'iminsi byagenwe n'ubuyobozi bw'Ikigo.

Abagororerwa mu Kigo bashobora kandi gusurwa n'imiryango nyarwanda cyangwa mvamahanga itari iya Leta ifite ubuzima gatozi, babiherewe uburenganzira n'Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Igororamuco.

**Ingingo ya 15: Imikino n'imyidagaduro**

Abagororerwa mu Kigo bahabwa umwanya wo kujya mu mikino n'imyidagaduro itandukanye.

**Article 13: Uniform for persons in the Center**

Uniform for the persons in the Center is determined by the management of the Center in collaboration with the National Rehabilitation Service after consultation with the Minister in charge of rehabilitation.

**Article 14: Right to a visit**

Persons in the Center have the right to be visited by their relatives and friends for hours and days determined by the management of the Center.

Persons in the Center can also be visited by Rwandans or international non-governmental organizations having legal personality upon authorization by the management of the National Rehabilitation Service.

**Article 15: Sports and leisure**

Person in Center are given time for various sports and leisure.

**Article 13: Uniforme des personnes au Centre**

L'uniforme des personnes au Centre est déterminé par la Direction du centre de réhabilitation en collaboration avec le Service National de Réhabilitation après avis du Ministre ayant la réhabilitation dans ses attributions.

**Article 14: Droit de visite**

Les personnes au Centre ont le droit de recevoir des visites des membres de leur familles et des amis pendant les heures et aux jours déterminés par la direction du Centre.

Les personnes au Centre peuvent aussi recevoir des visites des organisations non gouvernementales rwandaises ou internationales dotées de la personnalité juridique, sur autorisation de la direction du Service National de la réhabilitation.

**Article 15: Sports et loisirs**

Les personnes au Centre bénéficient du temps pour les sports et loisirs divers.

**Ingingo ya 16: Imyitwarire**

Ikigo gishyiraho Komite ikurikirana imyitwarire mu Kigo. Komite ishyiraho amabwiriza agenga iyo myitwarire.

Buri gihembwe, Ikigo gikora isuzuma rigamije kugenzura imyitwarire y'uwakiriwe mu Kigo.

**Ingingo ya 17: Gusubizwa mu muryango**

Abarangije gahunda zabateganyirijwe mu Kigo bashyikirizwa ubuyobozi bw'Akarere bakomokamo kugira ngo bubashyikirize imiryango yabo.

Icyakora, uwoherejwe mu Kigo ugaragaje ibimenyetso bifatika bigaragaza ko yahindutse mu myitwarire ye ashobora gushyikirizwa ubuyobozi bw'Akarere akomokamo, atararangiza gahunda zamuteganyirijwe.

**Ingingo ya 18: Abakozi b'Ikigo**

Abakozi b'Ikigo bashyirwaho hakurikijwe amategeko abigenga.

**Article 16: Conduct**

The Center establishes a steering Committee that controls the conduct in the Center. The Committee establishes instructions governing that conduct.

The Center carries out an assessment each quarter, intended to monitor the conduct of the person admitted in the Center.

**Article 17: Family reintegration**

Persons who completed rehabilitation programs in the Center are handed over to the District authorities of their place of origin, to take them back to their families.

However, a person transferred to the Center who shows tangible signs of change of conduct, may be handed over to the District authorities of origin before the end of the planned programs.

**Article 18: Staff of the Center**

The staff of the Center are recruited in accordance with relevant laws.

**Article 16: Conduite**

Le Centre met en place un Comité de suivi de la conduite au Centre. Le Comité établit des directives régissant cette conduite.

Chaque trimestre, le Centre procède à l'évaluation de la conduite de la personne admise au Centre.

**Article 17: Réintegration familiale**

Les personnes qui terminent les programmes dispensés au Centre sont remises à l'autorité du District d'origine pour les remettre à leurs familles.

Toutefois, une personne transférée au Centre qui donne des signes palpables de changement de conduite, peut être remise à l'autorité du District d'origine avant la fin des programmes prévus à son égard.

**Article 18: Personnel du Centre**

Le personnel du Centre est recruté conformément à la législation en la matière.

**Ingingo ya 19: Itangwa rya raporo**

Buri gihembwe ndetse n'igihe cyose bibaye ngombwa, Umuhuzabikorwa w'Ikigo aha Umuyobozi Mukuru w'Ikigo gishinzwe Igororamuco raporo y'ibikorwa, akagenera kopi Minisitiri ufite igororamuco mu nshingano ze.

**UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 20: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka**

Minisitiri w'Intebe na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.

**Ingingo ya 21: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri teka kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Ingingo ya 22: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**Article 19: Submission of report**

Every quarter and whenever necessary, the Coordinator of the Center submits to the Director General of National Rehabilitation Service an activity report with a copy to the Minister in charge of rehabilitation.

**CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS**

**Article 20: Authorities responsible for the implementation of this Order**

The Prime Minister and the Minister of Local Government are responsible for the implementation of this Order.

**Article 21: Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

**Article 22: Commencement**

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**Article 19: Transmission de rapport**

Chaque trimestre et chaque fois que de besoin, le Coordinateur du Centre soumet au Directeur Général du Service National de la Réhabilitation un rapport d'activités avec une copie au Ministre ayant la réhabilitation dans ses attributions.

**CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES**

**Article 20: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**

Le Premier Ministre et le Ministre de l'Administration Locale sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

**Article 21: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Article 22: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa 02/06/2018

(sé)
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

(sé)
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on 02/06/2018

(sé)
**KAGAME Paul**
President of the Republic

(sé)
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Prime Minister

**Seen and Sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le 02/06/2018

(sé)
**KAGAME Paul**
Président de la République

(sé)
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**ITEKA RYA PEREZIDA N° 100/01 RYO KU WA 02/06/2018 RISHYIRAHO IKIGO NGORORAMUCO CYA GITAGATA**

**ISHAKIRO**


**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

**Ingingo ya 2: Ishyirwaho ry'ikigo ngororamuco**

**Ingingo ya 3: Icyicaro**

**UMUTWE WA II: INSHINGANO Z'IKIGO**

**Ingingo ya 4: Inshingano z'Ikigo**

**UMUTWE WA III: IMIKORERE Y'IKIGO**

**Ingingo ya 5: Uwemerewe kwakirwa mu Kigo**

**Ingingo ya 6: Uburyo bwo kujyanwa mu Kigo**


**PRESIDENTIAL ORDER N° 100/01 OF 02/06/2018 ESTABLISHING GITAGATA REHABILITATION CENTER**

**TABLE OF CONTENTS**


**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article 2: Establishment of a rehabilitation center**

**Article 3: Head office**

**CHAPTER II: RESPONSIBILITIES OF THE CENTER**

**Article 4: Responsibilities of the Center**

**CHAPTER III: FUNCTIONING OF THE CENTER**

**Article 5: Eligible person to be admitted in the Center**

**Article 6: Modalities of transfer to the Center**


**ARRETE PRESIDENTIEL N° 100/01 DU 02/06/2018 PORTANT CREATION DU CENTRE DE REHABILITATION DE GITAGATA**

**TABLE DES MATIERES**


**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

**Article 2: Création d'un centre de réhabilitation**

**Article 3: Siège**

**CHAPITRE II: ATTRIBUTIONS DU CENTRE**

**Article 4: Attributions du Centre**

**CHAPITRE III: FONCTIONNEMENT DU CENTRE**

**Article 5: Personne éligible pour être admise au Centre**

**Article 6: Modalités de transfert au Centre**

**Ingingo ya 7: Uburyo bwo kwakira uwoherejwe mu Kigo**

**Ingingo ya 8: Umutekano w'aboherejwe mu Kigo**

**Ingingo ya 9: Kumenyesha umuryango w'uwakiriwe**

**Ingingo ya 10: Ibigenerwa uwakiriwe mu Kigo**

**Ingingo ya 11: Inyigisho n'ubumenyingiro bigenerwa abakiriwe mu Kigo**

**Ingingo ya 12: Igihe uwakiriwe amara mu Kigo**

**Ingingo ya 13: Impuzankano y'abagororerwa mu Kigo**

**Ingingo ya 14: Uburenganzira bwo gusurwa**

**Ingingo ya 15: Imikino n'imyidagaduro**

**Ingingo ya 16: Imyitwarire**

**Ingingo ya 17: Gusubizwa mu muryango**

**Ingingo ya 18: Abakozi b'Ikigo**

**Article 7: Modalities for reception of a person transferred in the Center**

**Article 8: Security of persons transferred to the Center**

**Article 9: Notice to the family of the admitted person**

**Article 10: Means allocated to a person admitted in the Center**

**Article 11: Training and technical know-how for persons admitted in the Center**

**Article 12: Period of stay in the Center**

**Article 13: Uniform for persons in the Center**

**Article 14: Right to a visit**

**Article 15: Sports and leisure**

**Article 16: Conduct**

**Article 17: Family reintegration**

**Article 18: Staff of the Center**

**Article 7: Modalités d'accueil d'une personne transférée au Centre**

**Article 8: Sécurité des personnes transferées au Centre**

**Article 9: Notification à la famille de la personne accueillie**

**Article 10: Moyens alloués à la personne admise au Centre**

**Article 11: Formation et savoir faire pour les personnes admises au Centre**

**Article 12: Durée de séjour dans le Centre**

**Article 13: Uniforme des personnes au Centre**

**Article 14: Droit de visite**

**Article 15: Sports et loisirs**

**Article 16: Conduite**

**Article 17: Réintegration familiale**

**Article 18: Personnel du Centre**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 19: Itangwa rya raporo** | **Article 19: Submission of report** | **Article 19: Transmission de rapport** |
| **UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA** | **CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES** |
| **Ingingo ya 20: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka** | **Article 20: Authorities responsible for the implementation of this Order** | **Article 20: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté** |
| **Ingingo ya 21: Ivanwaho ry'iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **Article 21: Repealing provision** | **Article 21: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 22: Igihe iteka ritangira gukurikizwa** | **Article 22: Commencement** | **Article 22: Entrée en vigueur** |

**ITEKA RYA PEREZIDA N° 100/01 RYO KU WA 02/06/2018 RISHYIRAHO IKIGO NGORORAMUCO CYA GITAGATA**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 120, iya 122 n'iya 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 17/2017 ryo ku wa 28/04/2017 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Igororamuco rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 31 n'iya 32;

Asubiye ku Iteka rya Perezida nº 243/06 ryo ku wa 21/10/1975 rishyiraho ibigo ngororamuco byigisha gukora;

Bisabwe na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;

Inama y'Abaminisitiri, yateranye ku wa 14/02/2018, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**PRESIDENTIAL ORDER N° 100/01 OF 02/06/2018 ESTABLISHING GITAGATA REHABILITATION CENTER**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 112, 120, 122 and 176;

Pursuant to Law n° 17/2017 of 28/04/2017 establishing the National Rehabilitation Service and determining its mission, organisation and functioning, especially in Articles 31 and 32;

Having reviewed Presidential Order nº 243/06 of 21/10/1975 establishing the rehabilitation and production centers;

On proposal by the Minister of Local Government;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 14/02/2018;

**ARRETE PRESIDENTIEL N° 100/01 DU 02/06/2018 PORTANT CREATION D'UN CENTRE DE REHABILITATION DE GITAGATA**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 112, 120, 122 et 176;

Vu la Loi n° 17/2017 du 28/04/2017 portant création du Service National de Réhabilitation et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement, spécialement en ses articles 31 et 32;

Révu l'Arrêté Présidentiel nº 243/06 du 21/10/1975 portant création de centres de réeducation et de production;

Sur proposition du Ministre de l'Administration Locale;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 14/02/2018;

**TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:**

**HAVE ORDERED AND HEREBY ORDER:**

**AVONS ARRETE ET ARRETONS:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rishyiraho Ikigo Ngororamuco cya GITAGATA rikanagena inshingano n'imikorere byacyo.

**Article One: Purpose of this Order**

This Order establishes GITAGATA Rehabilitation Center and determines its responsibilities and functionning.

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté porte création d'un Centre de Réhabilitation de GITAGATA et détermine ses attributions et son fonctionnement.

**Ingingo ya 2: Ishyirwaho ry'ikigo ngororamuco**

Hashyizweho Ikigo Ngororamuco cya GITAGATA cyitwa "Ikigo" mu ngingo zikurikira.

**Article 2: Establishment of a rehabilitation center**

GITAGATA Rehabilitation Center referred to as "Center" in the following provisions is established.

**Article 2: Création d'un centre de réhabilitation**

Il est créé un Centre de Réhabilitation de GITAGATA dénommé "Centre" dans les dispositions ci-après.

**Ingingo ya 3: Icyicaro**

Icyicaro cy'Ikigo kiri mu Karere ka Bugesera, Intara y'Iburasirazuba.

**Article 3: Head office**

The head office of the Center is located in Bugesera District, Eastern Province.

**Article 3: Siège**

Le siège du Centre se trouve dans le District de Bugesera, Province de l'Est.

**UMUTWE WA II: INSHINGANO Z'IKIGO**

**CHAPTER II: RESPONSIBILITIES OF THE CENTER**

**CHAPITRE II: ATTRIBUTIONS DU CENTRE**

**Ingingo ya 4: Inshingano z'Ikigo**

Ikigo gifite inshingano zikurikira:

**Article 4: Responsibilities of the Center**

The Center has the following responsibilities:

**Article 4: Attributions du Centre**

Le Centre a les attributions suivantes:

1 º kwakira abashyikirijwe Ikigo no kwandika mu gitabo cyabugenewe umwirondoro wa buri muntu;

2 º gutunga abakiriwe n'Ikigo no kubaha ubuvuzi bw'ibanze, ubujyanama n'ubuvuzi bwihariye ku babukeneye;

3 º gushyira mu bikorwa gahunda y'ubujyanama n'ibiganiro bihabwa abakiriwe mu Kigo bigamije kubagarura mu murongo mwiza ubaganisha ku myitwarire itabangamiye abaturage;

4 º gutanga inyigisho z'ubumenyi n'ubumenyingiro ku bakiriwe mu Kigo zibategurira gusubira mu buzima busanzwe hakurikijwe gahunda y'inzego za Leta zifite izo nyigisho mu nshingano zazo;

5 º gukora isuzumabumenyi nyuma ya buri cyiciro cy'inyigisho ku bufatanye n'inzego zibifitiye ububasha;

1 º to receive persons transfered to the Center and register each person's identification in the prescribed registry;

2 º to maintain the persons admitted in the Center and give them basic medical care, counseling and special health care to those who need it;

3 º to implement programs of counseling and dialogue provided to persons admitted in the Center for the purpose of their rehabilitation towards behaviors that are not detrimental to the community;

4 º provide general and professional education to persons admitted in the Center preparing them for reintegration into normal life in accordance with Government institutions in charge of such education;

5 º to carry out knowledge assessment after each level of education in collaboration with the competent institutions;

1 º accueillir les personnes transférées au Centre et inscrire l'identification de chacune au registre prévu à cet effet ;

2 º entretenir les personnes admises au Centre et leur fournir des soins médicaux de base, des conseils et des soins médicaux particuliers aux nécessiteux;

3 º mettre en oeuvre le programme de conseils et de dialogues dispensés aux personnes admises au Centre dans le but de leur réhabilitation en vue d'une conduite qui ne porte pas atteinte à la communauté;

4 º dispenser l'éducation générale et professionnelle aux personnes admises au Centre visant leur réintégration sociale selon des programmes des organes de l'Etat ayant ce genre d'éducation dans leurs attributions;

5 º mener une évaluation de connaissances après chaque niveau d'éducation en collaboration avec les institutions habilitées;

6 º kwita ku isuku n'umutekano, no gufata ingamba zose zikumira indwara z'ibyorezo mu Kigo;

7 º gushyiraho gahunda y'imikino n'imyidagaduro itandukanye y'abakiriwe mu Kigo;

8 º gushyiraho amabwiriza ngengamyitwarire y'abakiriwe mu Kigo;

9 º gushyiraho gahunda z'uburyo Ikigo gikora imirimo cyangwa ibikorwa bibyara inyungu;

10 º gukora indi mirimo iyo ari yo yose yafasha mu kugorora no gushyira mu murongo uboneye uwashyikirijwe Ikigo.

6 º to ensure hygiene and security, and safety measures for prevention of epidemic diseases at the Center;

7 º to establish various sports and leisure programs for those admitted in the Center;

8 º to establish a code of conduct for persons admitted in the Center;

9 º to establish programs of income generating activities for the Center;

10 º to carry out any other activities that may help to rehabilitate and provide conduct orientation of a person transferred to the Center.

6 º veiller à l'hygiène et à la sécurité, et prendre des dispositions de prévention des maladies épidémiques au Centre;

7 º établir un programme de jeux et de loisirs divers pour les personnes admises au Centre;

8 º établir un code de conduite pour les personnes admises au Centre;

9 º mettre en place des programmes d'activités génératrices de revenus pour le Centre;

10 º mener toutes les autres activités pouvant permettre la réhabilitation et la bonne orientation d'une personne transférée au Centre.

## UMUTWE WA III: IMIKORERE Y'IKIGO

### Ingingo ya 5: Uwemerewe kwakirwa mu Kigo

Ikigo cyakira abantu bari mu byiciro bikurikira baturuka mu bigo binyurwamo by'igihe gito:

## CHAPTER III: FUNCTIONING OF THE CENTER

### Article 5: Eligible person to be admitted in the Center

The Center admits people from transit centers in the following categories:

## CHAPITRE III: FONCTIONNEMENT DU CENTRE

### Article 5: Personne éligible pour être admise au Centre

Le Centre admet des personnes qui proviennent des centres de transit de catégories suivantes:

1° abagore bafite nibura imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko;

2° abana b'abakobwa bafite nibura imyaka cumi (10) ariko bataruzuza imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko;

3° abana b'abahungu bafite nibura imyaka icumi (10) ariko bataruzuza imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko.

Buri cyiciro mu bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo gishyirwa ahantu hacyo hihariye.

**<u>Ingingo ya 6</u>: Uburyo bwo kujyanwa mu Kigo**

Ubuyobozi bw'Akarere cyangwa bw'Umujyi wa Kigali bushyikiriza Ikigo uwemejwe ko ajyanwamo kugororwa.

**<u>Ingingo ya 7</u>: Uburyo bwo kwakirwa mu Kigo**

Iyo ugororwa agejejwe mu Kigo arasuzumwa kugira ngo harebwe niba nta ndwara yihariye afite kandi akandikwa mu bitabo by'Ikigo bishyirwaho na Minisitiri ufite igororamuco mu nshingano ze.

1° females aged of at least eighteen (18) years;

2° young girls aged of at least ten (10) years but not yet attained eighteen (18) years;

3° young boys aged of at least ten (10) years old but not yet attained eighteen (18) years.

Each category referred to in Paragraph One of this Article has its separate place.

**<u>Article 6</u>: Modalities for transfer to the Center**

The District or City of Kigali authorities transfer to the Center the person designated for rehabilitation.

**<u>Article 7</u>: Modalities for reception at the Center**

Upon arrival at the Center, the person to be admitted is examined to ensure that he or she has no particular illness and he or she is registered in the registry of the Center established by the Minister in charge of

1° les femmes âgées d'au moins dix-huit (18) ans;

2° les jeunes filles agées d'au moins dix (10) ans mais n'ayant pas encore atteint l'âge de dix-huit (18) ans;

3° les jeunes garçons agées d'au moins dix (10) ans mais n'ayant pas encore atteint l'âge de dix-huit (18) ans.

Chaque catégorie mentionnée à l'alinéa premier du présent article a un lieu spécifique.

**<u>Article 6</u>: Modalités de transfert au Centre**

L'autorité de District ou de la Ville de Kigali transfère au Centre la personne désignée pour y être transférée en vue de sa réhabilitation.

**<u>Article 7</u>: Modalités d'accueil au Centre**

Dès son arrivée au Centre, la personne à réhabiliter fait l'objet d'un examen médical pour s'assurer qu'elle n'a pas de maladie particulière et elle est inscrite aux registres

rehabilitation.

du Centre établis par le Ministre ayant la réhabilitation dans ses attributions.

**Ingingo ya 8: Umutekano w'aboherejwe mu Kigo**

Polisi y'Igihugu icunga umutekano w'aboherejwe mu Kigo.

**Ingingo ya 9: Kumenyesha umuryango w'uwakiriwe**

Ubuyobozi bw'Akarere uwakiriwe mu Kigo akomokamo bumenyesha umuryango w'uwakiriwe cyangwa uwo bashakanye iyo ahari, ko yoherejwe mu Kigo n'igihe azamaramo.

**Ingingo ya 10: Ibigenerwa uwakiriwe mu Kigo**

Uwakiriwe mu Kigo yishingirwa na Leta ku bintu byose, harimo icumbi, ibimutunga, kumuvuza, kumwambika n'ibindi by'ibanze byose bikenerwa mu buzima bwa buri munsi.

Iyo uwakiriwe n'Ikigo apfuye adafite umuryango, ashyingurwa na Leta.

**Article 8: Security of persons transferred to the Center**

The National Police ensures the safety of persons transferred to the Center.

**Article 9: Notice to the family of the admitted person**

The District authorities from which the person admitted in the Center resides, notifies his or her family or his or her spouse if applicable, that the person was admitted in the Center and the time of his or her stay at the Center.

**Article 10: Means allocated to a person admitted in the Center**

A person admitted in the Center is given by the State all related needs, including, accommodation, food, medical care clothing and all other basic needs required in his or her daily life.

If a person admitted in the Center dies without a family, funeral expenses are incurred by the State.

**Article 8: Sécurité des personnes transferées au Centre**

La Police Nationale veille à la sécurité des personnes transférées au centre.

**Article 9: Notification à la famille de la personne accueillie**

L'autorité du District de provenance de la personne admise au Centre notifie à la famille de la personne accueillie, ou le cas échéant à son conjoint, que la personne a été admise dans le Centre de réhabilitation et le temps qu'elle va y passer.

**Article 10: Moyens alloués à la personne admise au Centre**

La personne admise au Centre bénéficie, aux frais de l'Etat, du logement, de la nourriture, des soins médicaux et de tous les autres besoins de base de la vie quotidienne.

Si une personne accueillie au Centre décède sans avoir une famille, les frais funéraires sont assurés par l'Etat.

**Ingingo ya 11: Inyigisho n'ubumenyingiro bigenerwa abakiriwe mu Kigo**

Inyigisho n'ubumenyingiro bigenerwa abagororerwa mu Kigo bigomba kubahiriza gahunda z'urwego rwa Leta rushinzwe ibyerekeye ubumenyingiro bwigishwa mu gihe kigufi n'igiciriritse n'iy'izindi nzego zishinzwe gahunda y'inyigisho ngororamuco.

**Ingingo ya 12: Igihe uwakiriwe amara mu Kigo**

Ubuyobozi bw'Ikigo bugena igihe ugororwa amara mu Kigo hakurikijwe gahunda y'ubumenyingiro y'igihe kigufi cyangwa giciriritse akurikira ndetse n'inyigisho ngororamuco ahabwa.

**Ingingo ya 13: Impuzankano y'abakiriwe mu Kigo**

Impuzankano y'abagororerwa mu Kigo igenwa n'Ubuyobozi bw'Ikigo bufatanyije n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Igororamuco, bamaze kugisha inama Minisitiri ufite igororamuco mu nshingano ze.

**Article 11: Training and technical know-how for persons admitted in the Center**

The training and technical know-how given to the rehabilitated persons must be in accordance with the programs established by the state organ in charge of short and medium term vocational trainings and other organs in charge of rehabilitation programs.

**Article 12: Period of stay in the Center**

The management of the Center determines the period a person spends in the Center depending on the short or medium term training program and the type of rehabilitation program he or she receives.

**Article 13: Uniform for persons in the Center**

Uniform for the persons in the Center is determined by the management of the Center in collaboration with the National Rehabilitation Service after consultation with the Minister in charge of rehabilitation.

**Article 11: Formation et savoir faire pour les personnes admises au Centre**

La formation et le savoir-faire dont bénéficient les personnes en réhabilitation doivent être dispensés conformément au programme de l'organe de l'Etat ayant la formation professionnelle, dispensée à court et à moyen terme, dans ses attributions et celui d'autres organes chargés des programmes de réhabilitation dans leurs attributions.

**Article 12: Durée de séjour dans le Centre**

La direction du Centre détermine le temps que la personne en réhabilitation y passe suivant le programme de formation à court ou moyen terme qui lui est reservé et le programme de réhabilitation dont elle bénéficie.

**Article 13: Uniforme des personnes au Centre**

L'uniforme des personnes au Centre est déterminé par la Direction du centre de réhabilitation en collaboration avec le Service National de Réhabilitation après avis du Ministre ayant la réhabilitation dans ses attributions.

**Ingingo ya 14: Uburenganzira bwo gusurwa**

Abagororerwa mu Kigo bafite uburenganzira bwo gusurwa n'imiryango yabo n'inshuti ku masaha n'iminsi byagenwe n'ubuyobozi bw'Ikigo.

Abagororerwa mu Kigo bashobora kandi gusurwa n'imiryango nyarwanda cyangwa mvamahanga itari iya Leta ifite ubuzima gatozi, ibiherewe uburenganzira n'Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Igororamuco.

**Ingingo ya 15: Imikino n'imyidagaduro**

Abagororerwa mu Kigo bahabwa umwanya wo kujya mu mikino n'imyidagaduro itandukanye.

**Ingingo ya 16: Imyitwarire**

Ikigo gishyiraho Komite ikurikirana imyitwarire mu Kigo. Komite ishyiraho amabwiriza agenga iyo myitwarire.

Buri gihembwe, Ikigo gikora isuzuma rigamije kugenzura imyitwarire y'uwakiriwe mu Kigo.

**Article 14: Right to a visit**

Persons in the Center have the right to be visited by their relatives and friends during hours and days determined by the management of the Center.

Persons in the Center can also be visited by Rwandans or international non-governmental organizations having legal personality upon authorization by the management of the National Rehabilitation Service.

**Article 15: Sports and leisure**

Persons in Center are given time for various sports and leisure.

**Article 16: Conduct**

The Center establishes a steering Committee that controls the conduct in the Center. The Committee establishes instructions governing that conduct.

The Center carries out an assessment each quarter, intended to monitor the conduct of the person admitted in the Center.

**Article 14: Droit de visite**

Les personnes au Centre ont le droit de recevoir des visites des membres de leur familles et des amis pendant les heures et aux jours déterminés par la direction du Centre.

Les personnes au Centre peuvent aussi recevoir des visites des organisations non gouvernementales rwandaises ou internationales dotées de la personnalité juridique, sur autorisation de la Direction du Service National de la Réhabilitation.

**Article 15: Sports et loisirs**

Les personnes au Centre bénéficient du temps pour les sports et loisirs divers.

**Article 16: Conduite**

Le Centre met en place un Comité de suivi de la conduite au Centre. Le Comité établit des directives régissant cette conduite.

Chaque trimestre, le Centre procède à l'évaluation de la conduite de la personne admise au Centre.

**<u>Ingingo ya 17</u>: Gusubizwa mu muryango**

Abarangije gahunda zabateganyirijwe mu Kigo bashyikirizwa ubuyobozi bw'Akarere bakomokamo kugira ngo bubashyikirize imiryango yabo.

Icyakora, uwoherejwe mu Kigo ugaragaje ibimenyetso bifatika bigaragaza ko yahindutse mu myitwarire ye ashobora gushyikirizwa ubuyobozi bw'Akarere akomokamo, atararangiza gahunda zamuteganyirijwe.

**<u>Ingingo ya 18</u>: Abakozi b'Ikigo**

Abakozi b'Ikigo bashyirwaho hakurikijwe amategeko abigenga.

**<u>Ingingo ya 19</u>: Itangwa rya raporo**

Buri gihembwe ndetse n'igihe cyose bibaye ngombwa, Umuhuzabikorwa w'Ikigo aha Umuyobozi Mukuru w'Ikigo gishinzwe Igororamuco raporo y'ibikorwa, akagenera kopi Minisitiri ufite igororamuco mu nshingano ze.

**<u>Article 17</u>: Family reintegration**

Persons who completed rehabilitation programs in the Center are handed over to the District authorities of their place of origin, to take them back to their families.

However, a person transferred to the Center who shows tangible signs of change of conduct, may be handed over to the District authorities of origin before the end of the planned programs.

**<u>Article 18</u>: Staff of the Center**

The staff of the Center are recruited in accordance with relevant laws.

**<u>Article 19</u>: Submission of report**

Every quarter and whenever necessary, the Coordinator of the Center submits to the Director General of National Rehabilitation Service an activity report with a copy to the Minister in charge of rehabilitation.

**<u>Article 17</u>: Réintegration familiale**

Les personnes qui terminent les programmes dispensés au Centre sont remises à l'autorité du District d'origine pour les remettre à leurs familles.

Toutefois, une personne transférée au Centre qui donne des signes palpables de changement de conduite, peut être remise à l'autorité du District d'origine avant la fin des programmes prévus à son égard.

**<u>Article 18</u>: Personnel du Centre**

Le personnel du Centre est recruté conformément à la législation en la matière.

**<u>Article 19</u>: Transmission de rapport**

Chaque trimestre et chaque fois que de besoin, le Coordinateur du Centre soumet au Directeur Général du Service National de la Réhabilitation un rapport d'activités avec une copie au Ministre ayant la réhabilitation dans ses attributions.

**UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 20: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka**

Minisitiri w'Intebe na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.

**Ingingo ya 21: Ivanwaho ry'iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Iteka rya Perezida nº 243/06 ryo ku wa 21/10/1975 rishyiraho ibigo ngororamuco byigisha gukora n'izindi ngingo zose z'amateka abanziriza iri teka kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

**Ingingo ya 22: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 02/06/2018

**CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS**

**Article 20: Authorities responsible for the implementation of this Order**

The Prime Minister and the Minister of Local Government are entrusted with the implementation of this Order.

**Article 21: Repealing provision**

Presidential Order nº 243/06 of 21/10/1975 establishing the rehabilitation and production centers and all prior provisions contrary to this Order are repealed.

**Article 22: Commencement**

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 02/06/2018

**CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES**

**Article 20: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**

Le Premier Ministre et le Ministre de l'Administration Locale sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

**Article 21: Disposition abrogatoire**

L'Arrêté Présidentiel nº 243/06 du 21/10/1975 portant création de centres de rééducation et de production ainsi que toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogés.

**Article 22: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 02/06/2018

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**
**KAGAME Paul**
President of the Republic

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Minisitiri w'Intebe

**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Prime Minister

**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**ITEKA RYA PEREZIDA Nº 101/01 RYO KU WA 02/06/2018 RISHYIRAHO IKIGO NGORORAMUCO CYA NYAMAGABE**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

**Ingingo ya 2: Ishyirwaho ry'Ikigo Ngororamuco**

**Ingingo ya 3: Icyicaro**

**UMUTWE WA II: INSHINGANO Z'IKIGO**

**Ingingo ya 4: Inshingano z'Ikigo**

**UMUTWE WA III: IMIKORERE Y'IKIGO**

**Ingingo ya 5: Uwemerewe kwakirwa mu Kigo**

**PRESIDENTIAL ORDER Nº 101/01 OF 02/06/2018 ESTABLISHING NYAMAGABE REHABILITATION CENTER**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article 2: Establishment of a Rehabilitation Center**

**Article 3: Head office**

.

**CHAPTER II: RESPONSIBILITIES OF THE CENTER**

**Article 4: Responsibilities of the Center**

**CHAPTER III: FUNCTIONING OF THE CENTER**

**Article 5: Eligible person to be admitted in the Center**

**ARRETE PRESIDENTIEL Nº 101/01 DU 02/06/2018 02/06/2018 PORTANT CREATION D'UN CENTRE DE REHABILITATION DE NYAMAGABE**

**TABLE DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

**Article 2: Création d'un Centre de Réhabilitation**

**Article 3: Siège**

**CHAPITRE II: ATTRIBUTIONS DU CENTRE**

**Article 4: Attributions du Centre**

**CHAPITRE III: FONCTIONNEMENT DU CENTRE**

**Article 5: Personne éligible pour être admise au Centre**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 6: Uburyo bwo kujyanwa mu Kigo** | **Article 6: Modalities for transfer to the Center** | **Article 6: Modalités de transfert au Centre** |
| **Ingingo ya 7: Uburyo bwo kwakirwa mu Kigo** | **Article 7: Modalities for reception at the Center** | **Article 7: Modalités d'accueil au Centre** |
| **Ingingo ya 8: Umutekano w'aboherejwe mu Kigo** | **Article 8: Security of persons transferred to the Center** | **Article 8: Sécurité des personnes transferées au Centre** |
| **Ingingo ya 9: Kumenyesha umuryango w'uwakiriwe** | **Article 9: Notification of the family of the admitted person** | **Article 9: Notification à la famille de la personne accueillie** |
| **Ingingo ya 10: Ibigenerwa uwakiriwe mu Kigo** | **Article 10: Means allocated to a person hosted at the Center** | **Article 10: Moyens alloués à la personne accueillie au Centre** |
| **Ingingo ya 11: Inyigisho n'ubumenyingiro bigenerwa abakiriwe n'Ikigo** | **Article 11: Training and technical know-how to be provided to persons at the Center** | **Article 11: Formation et savoir-faire à dispenser aux personnes au Centre** |
| **Ingingo ya 12: Igihe uwakiriwe amara mu Kigo** | **Article 12: Period of stay in the Centre** | **Article 12: Durée de séjour dans le Centre** |
| **Ingingo ya 13: Impuzankano y'abakiriwe mu Kigo** | **Article 13: Uniform of persons in the Center** | **Article 13: Uniforme des personnes au Centre** |
| **Ingingo ya 14: Uburenganzira bwo gusurwa** | **Article 14: Right to a visit** | **Article 14: Droit de visite** |
| **Ingingo ya 15: Imikino n'imyidagaduro** | **Article 15: Sports and leisure** | **Article 15: Sports et loisirs** |
| **Ingingo ya 16: Imyitwarire** | **Article 16: Conduct** | **Article 16: Conduite** |

| | | |
|---|---|---|
| **Inginigo ya 17: Gusubizwa mu muryango** | **Article 17: Family reintegration** | **Article 17: Réintegration familiale** |
| **Ingingo ya 18: Abakozi b'Ikigo** | **Article 18: Staff of the Center** | **Article 18: Personnel du Centre** |
| **Ingingo ya 19: Itangwa rya raporo** | **Article 19: Submission of report** | **Article 19: Transmission de rapport** |
| **UMUTWE WA IV: INGINGO ZINYURANYE** | **CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES** |
| **Ingingo ya 20: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka** | **Article 20: Authorities responsible for the implementation of this Order** | **Article 20: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté** |
| **Ingingo ya 21: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **Article 21: Repealing provision** | **Article 21: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 22: Igihe iteka ritangira gukurikizwa** | **Article 22: Commencement** | **Article 22: Entrée en vigueur** |

**ITEKA RYA PEREZIDA Nº 101/01 RYO KU WA 02/06/2018 RISHYIRAHO IKIGO NGORORAMUCO CYA NYAMAGABE**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 122 n'iya 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 17/2017 ryo ku wa 28/04/2017 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Igororamuco rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 31 n'iya 32;

Bisabwe na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 14/02/2018, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:**

**PRESIDENTIAL ORDER Nº 101/01 OF 02/06/2018 ESTABLISHING NYAMAGABE REHABILITATION CENTER**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 112, 122 and 176;

Pursuant to Law n° 17/2017 of 28/04/2017 establishing the National Rehabilitation Service and determining its mission, organisation and functioning, especially in Articles 31 and 32;

On proposal by the Minister of Local Government;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 14/02/2018;

**HAVE ORDERED AND HEREBY ORDER:**

**ARRETE PRESIDENTIEL Nº 101/01 DU 02/06/2018 PORTANT CREATION D'UN CENTRE DE REHABILITATION DE NYAMAGABE**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 112, 122 et 176;

Vu la Loi n° 17/2017 du 28/04/2017 portant creation du Service National de Réhabilitation et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement, spécialement en ses article 31 et 32;

Sur proposition du Ministre de l'Administration Locale;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 14/02/2018;

**AVONS ARRETE ET ARRETONS:**

**<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INGINGO RUSANGE**

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rishyiraho Ikigo Ngororamuco cya NYAMAGABE rikanagena inshingano n'imikorere byacyo.

**<u>Ingingo ya 2</u>: Ishyirwaho ry'Ikigo Ngororamuco**

Hashyizweho Ikigo Ngororamuco cya NYAMAGABE cyitwa "Ikigo" mu ngingo zikurikira.

**<u>Ingingo ya 3</u>: Icyicaro cy'Ikigo**

Icyicaro cy'Ikigo kiri mu Karere ka Nyamagabe, Intara y'Amajyepfo.

**<u>UMUTWE WA II</u>: INSHINGANO Z'IKIGO**

**<u>Ingingo ya 4</u>: Inshingano z'Ikigo**

Ikigo gifite inshingano zikurikira:

1 º kwakira abashyikirijwe Ikigo no kwandika mu gitabo cyabugenewe umwirondoro wa buri muntu;

**<u>CHAPTER ONE</u>: GENERAL PROVISIONS**

**<u>Article One</u>: Purpose of this Order**

This Order establishes NYAMAGABE Rehabilitation Center and determines its responsibilities and functionning.

**<u>Article 2</u>: Establishment of a Rehabilitation Center**

NYAMAGABE Rehabilitation Center referred to as "Center" in the following provisions is establishesd.

**<u>Article 3</u>: Head office**

The head office of the Center is located in Nyamagabe District, Southern Province.

**<u>CHAPTER II</u>: RESPONSIBILITIES OF THE CENTER**

**<u>Article 4</u>: Responsibilities of the Center**

The Center has the following responsibilities:

1 º to receive persons transferred to the Center and register each person's

**<u>CHAPITRE PREMIER</u>: DISPOSITIONS GENERALES**

**<u>Article premier</u>: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté porte création d'un Centre de réhabilitation de NYAMAGABE et détermine ses attributions et son fonctionnement.

**<u>Article 2</u>: Création d'un Centre de Réhabilitation**

Il est créé un Centre de Réhabilitation de NYAMAGABE dénommé "Centre" dans les dispositions ci-après.

**<u>Article 3</u>: Siège**

Le siège du Centre se trouve dans le District de Nyamagabe, Province du Sud.

**<u>CHAPITRE II</u>: ATTRIBUTIONS DU CENTRE**

**<u>Article 4</u>: Attributions du Centre**

Le Centre a les attributions suivantes:

1 º accueillir les personnes transférées au Centre et inscrire l'identification de chacune au registre prévu à cet effet ;

identification in the prescribed registry;

2 º gutunga abakiriwe n'Ikigo no kubaha ubuvuzi bw'ibanze, ubujyanama n'ubuvuzi bwihariye ku babukeneye;

3 º gushyira mu bikorwa gahunda y'ubujyanama n'ibiganiro bihabwa abakiriwe mu Kigo bigamije kubagarura mu murongo mwiza ubaganisha ku myitwarire itabangamiye abaturage;

4 º gutanga inyigisho z'ubumenyi n'ubumenyingiro ku bakiriwe mu Kigo zibategurira gusubira mu buzima busanzwe hakurikijwe gahunda y'inzego za Leta zifite izo nyigisho mu nshingano zazo;

5 º gukora isuzumabumenyi nyuma ya buri cyiciro cy'inyigisho ku bufatanye n'inzego zibifitiye ububasha;

2 º to maintain the persons admitted in the Center and give them basic medical care, counseling and special health care to those who need it;

3 º to implement programs of counseling and dialogue provided to persons admitted in the Center for the purpose of their rehabilitation towards behaviors that are not detrimental to the community;

4 º provide general and professional education to persons admitted in the Center preparing them for reintegration into normal life in accordance with Government institutions in charge of such education;

5 º to carry out knowledge assessment after each level of education in collaboration with the competent institutions;

2 º entretenir les personnes admises au Centre et leur fournir des soins médicaux de base, des conseils et des soins médicaux particuliers aux nécessiteux;

3 º mettre en oeuvre le programme de conseils et de dialogues dispensés aux personnes admises au Centre dans le but de leur réhabilitation en vue d'une conduite qui ne porte pas atteinte à la communauté;

4 º dispenser l'éducation générale et professionnelle aux personnes admises au Centre visant leur réintégration sociale selon des programmes des organes de l'Etat ayant ce genre d'éducation dans leurs attributions;

5 º mener une évaluation de connaissances après chaque niveau d'éducation en collaboration avec les institutions habilitées;

6 º kwita ku isuku n'umutekano, no gufata ingamba zose zikumira indwara z'ibyorezo mu Kigo;

7 º gushyiraho gahunda y'imikino n'imyidagaduro itandukanye y'abakiriwe mu Kigo;

8 º gushyiraho amabwiriza ngengamyitwarire y'abakiriwe mu Kigo;

9 º gushyiraho gahunda z'uburyo Ikigo gikora imirimo cyangwa ibikorwa bibyara inyungu;

10 º gukora indi mirimo iyo ari yo yose yafasha mu kugorora no gushyira mu murongo uboneye uwashyikirijwe Ikigo.

**UMUTWE WA III: IMIKORERE Y'IKIGO**

**Ingingo ya 5: Uwemerewe kwakirwa mu Kigo**

Ikigo cyakira abantu b'igitsina gabo gusa bafite nibura imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko baturutse mu bigo binyurwamo

6 º to ensure hygiene and security, and safety measures for prevention of epidemic diseases at the Center;

7 º to establish various sports and leisure programs for those admitted in the Center;

8 º to establish a code of conduct for persons admitted in the Center;

9 º to establish programs of income generating activities for the Center;

10 º to carry out any other activities that may help to rehabilitate and provide conduct orientation of a person transferred to the Center.

**CHAPTER III: FUNCTIONING OF THE CENTER**

**Article 5: Eligible person to be admitted in the Center**

The Center admits only males with at least eighteen (18) years of age from the established transit centers, after approval by a competent organ.

6 º veiller à l'hygiène et à la sécurité, et prendre des dispositions de prévention des maladies épidémiques au Centre;

7 º établir un programme de jeux et de loisirs divers pour les personnes admises au Centre;

8 º établir un code de conduite pour les personnes admises au Centre;

9 º mettre en place des programmes d'activités génératrices de revenus pour le Centre;

10 º mener toutes les autres activités pouvant permettre la réhabilitation et la bonne orientation d'une personne transférée au Centre.

**CHAPITRE III: FONCTIONNEMENT DU CENTRE**

**Article 5: Personne éligible pour être admise au Centre**

Le Centre admet seulement les personnes de sexe masculin ayant l'âge dix-huit (18) ans au moins provenant des centres de transit établis, après approbation par un organe compétent.

by'igihe gito, bimaze kwemezwa n'urwego rubifitiye ububasha.

**Ingingo ya 6: Uburyo bwo kujyanwa mu Kigo**

Ubuyobozi bw'Akarere cyangwa bw'Umujyi wa Kigali bushyikiriza Ikigo uwemejwe ko ajyanwamo kugororwa.

**Ingingo ya 7: Uburyo bwo kwakirwa mu Kigo**

Iyo ugororwa agejejwe mu Kigo asuzumwa ko nta ndwara yihariye afite kandi akandikwa mu bitabo by'Ikigo bishyirwaho na Minisitiri ufite igororamuco mu nshingano ze.

**Ingingo ya 8: Umutekano w'aboherejwe mu Kigo**

Polisi y'Igihugu icunga umutekano w'aboherejwe mu Kigo.

**Ingingo ya 9: Kumenyesha umuryango w'uwakiriwe**

Ubuyobozi bw'Akarere uwakiriwe mu Kigo akomokamo bumenyesha umuryango

**Article 6: Modalities for transfer to the Center**

The District or City of Kigali admnistration transfers to the Center the person designated for rehabilitation .

**Article 7: Modalities for reception at the Center**

Upon arrival at the Center, the person to be rehabilitated is examined to ensure that he or she has no particular illness and he or she is registered in the registry of the Center established by the Minister in charge of rehabilitation.

**Article 8: Security of persons transferred to the Center**

The National Police ensures the security of persons transferred to the Center.

**Article 9: Notification of the family of the admitted person**

The District authorities from which the person admitted in the Center resides,

**Article 6: Modalités de transfert au Centre**

L'administration du District ou de la Ville de Kigali transfère au Centre la personne désignée pour y être transférée en vue de sa réhabilitation.

**Article 7: Modalités d'accueil au Centre**

Dès son arrivée au Centre, la personne à réhabiliter fait l'objet d'un examen médical pour s'assurer qu'elle n'a pas de maladie particulière et elle est inscrite aux registres du Centre établis par le Ministre ayant la réhabilitation dans ses attributions.

**Article 8: Sécurité des personnes transferées au Centre**

La Police Nationale s'assure de la sécurité des personnes envoyées au Centre.

**Article 9: Notification à la famille de la personne accueillie**

L'autorité du District de provenance de la personne admise au Centre notifie à la famille

w'uwakiriwe cyangwa uwo bashakanye iyo ahari, ko yoherejwe mu Kigo n'igihe azamaramo.

**Ingingo ya 10: Ibigenerwa uwakiriwe mu Kigo**

Uwakiriwe mu Kigo yishingirwa na Leta ku bintu byose, harimo icumbi, ibimutunga, kumuvuza, kumwambika n'ibindi by'ibanze byose bikenerwa mu buzima bwa buri munsi.

Iyo uwakiriwe n'Ikigo apfuye adafite umuryango, ashyingurwa na Leta.

**Ingingo ya 11: Inyigisho n'ubumenyingiro bigenerwa abakiriwe mu Kigo**

Inyigisho n'ubumenyingiro bigenerwa abagororerwa mu Kigo bigomba kubahiriza gahunda z'urwego rwa Leta rushinzwe ibyerekeye ubumenyingiro bwigishwa mu gihe kigufi n'igiciriritse n'iy'izindi nzego zishinzwe gahunda y'inyigisho ngororamuco.

notifies his or her family or his or her spouse if applicable, that the person was admitted in the Center and the time of his or her stay at the Center.

**Article 10: Means allocated to a person hosted at the Center**

A person admitted at the Center is given by the State all related needs, including, accommodation, food, medical care clothing and all other basic needs required in his or her daily life.

If a person admitted in the Center dies without a family, funeral expenses are incurred by the State.

**Article 11: Training and technical know-how to be provided to persons at the Center**

The training and technical know-how given to the rehabilitated persons must be in accordance with the programs established by the state organ in charge of short and medium term vocational trainings and other organs in charge of rehabilitation programs.

de la personne accueillie, ou le cas échéant à son conjoint, que la personne a été admise dans le Centre de réhabilitation et le temps qu'elle va y passer.

**Article 10: Moyens alloués à la personne accueillie au Centre**

La personne admise au Centre bénéficie, aux frais de l'Etat, du logement, de la nourriture, des soins médicaux et de tous les autres besoins de base de la vie quotidienne.

Si une personne accueillie au Centre décède sans avoir une famille, les frais funéraires sont assurés par l'Etat.

**Article 11: Formation et savoir-faire à dispenser aux personnes au Centre**

La formation et le savoir-faire dont bénéficient les personnes en réhabilitation doivent être dispensés conformément au programme de l'organe de l'Etat ayant la formation professionnelle, dispensée à court et à moyen terme, dans ses attributions et celui d'autres organes chargés des programmes de réhabilitation.

**Ingingo ya 12: Igihe uwakiriwe amara mu Kigo**

Ubuyobozi bw'Ikigo bugena igihe ugororwa amara mu Kigo hakurikijwe gahunda y'ubumenyingiro y'igihe kigufi cyangwa giciriritse akurikira ndetse n'inyigisho ngororamuco ahabwa.

**Ingingo ya 13: Impuzankano y'abagororerwa mu Kigo**

Impuzankano y'abagororerwa mu Kigo igenwa n'Ubuyobozi bw'Ikigo bufatanyije n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Igororamuco, bamaze kugisha inama Minisitiri ufite igororamuco mu nshingano ze.

**Ingingo ya 14: Uburenganzira bwo gusurwa**

Abagororerwa mu Kigo bafite uburenganzira bwo gusurwa n'imiryango yabo n'inshuti ku masaha n'iminsi byagenwe n'ubuyobozi bw'Ikigo.

Abagororerwa mu Kigo bashobora kandi gusurwa n'imiryango nyarwanda cyangwa mvamahanga itari iya Leta ifite ubuzima gatozi, ibiherewe uburenganzira

**Article 12: Period of stay in the Centre**

The management of the Center determines the period a person spends in the Center depending on the short or medium term training program and the type of rehabilitation program he or she receives.

**Article 13: Uniform of persons in the Center**

Uniform for the persons in the Center is determined by the management of the Center in collaboration with the National Rehabilitation Service after consultation with the Minister in charge of rehabilitation.

**Article 14: Right to a visit**

Persons in the Center have the right to be visited by their relatives and friends during hours and days determined by the management of the Center.

Persons in the Center can also be visited by Rwandans or international non-governmental organizations having legal personality upon authorization by the management of the National Rehabilitation

**Article 12: Durée de séjour dans le Centre**

La direction du Centre détermine le temps que la personne en réhabilitation y passe suivant le programme de formation à court ou moyen terme qui lui est reservé et le programme de réhabilitation dont elle bénéficie.

**Article 13: Uniforme des personnes au Centre**

L'uniforme des personnes au Centre est déterminé par la Direction du centre de réhabilitation en collaboration avec le Service National de Réhabilitation après avis du Ministre ayant la réhabilitation dans ses attributions.

**Article 14: Droit de visite**

Les personnes au Centre ont le droit de recevoir des visites des membres de leur familles et des amis pendant les heures et aux jours déterminés par la direction du Centre.

Les personnes au Centre peuvent aussi recevoir des visites des organisations non gouvernementales rwandaises ou internationales dotées de la personnalité

n'Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Igororamuco.

**Ingingo ya 15: Imikino n'imyidagaduro**

Abagororerwa mu Kigo bahabwa umwanya wo kujya mu mikino n'imyidagaduro itandukanye.

**Ingingo ya 16: Imyitwarire**

Ikigo gishyiraho Komite ikurikirana imyitwarire mu Kigo. Komite ishyiraho amabwiriza agenga iyo myitwarire.

Buri gihembwe, Ikigo gikora isuzuma rigamije kugenzura imyitwarire y'uwakiriwe mu Kigo.

**Ingingo ya 17: Gusubizwa mu muryango**

Abarangije gahunda zabateganyirijwe mu Kigo bashyikirizwa ubuyobozi bw'Akarere bakomokamo kugira ngo bubashyikirize imiryango yabo.

Icyakora, uwoherejwe mu Kigo ugaragaje ibimenyetso bifatika bigaragaza ko yahindutse mu myitwarire ye ashobora gushyikirizwa ubuyobozi bw'Akarere

Service.

**Article 15: Sports and leisure**

Persons at the center for rehabilitation are given time for various sports and leisure.

**Article 16: Conduct**

The Center establishes a steering Committee that controls the conduct in the Center. The Committee establishes instructions governing that conduct.

The Center carries out an assessment each quarter, intended to monitor the conduct of the person admitted in the Center.

**Article 17: Family reintegration**

Persons who completed rehabilitation programs in the Center are handed over to the District authorities of their place of origin, to take them back to their families.

However, a person transferred to the Center who shows tangible signs of change of conduct, may be handed over to the District authorities of origin before the end

juridique, sur autorisation de la Direction du Service National de la Réhabilitation.

**Article 15: Sports et loisirs**

Les personnes au Centre bénéficient du temps pour les sports et les loisirs divers.

**Article 16: Conduite**

Le Centre met en place un Comité de suivi de la conduite au Centre. Le Comité établit des directives régissant cette conduite.

Chaque trimestre, le Centre procède à l'évaluation de la conduite de la personne admise au Centre.

**Article 17: Réintegration familiale**

Les personnes qui terminent les programmes dispensés au Centre sont remises à l'autorité du District d'origine pour les remettre à leurs familles.

Toutefois, une personne transférée au Centre qui donne des signes palpables de changement de conduite, peut être remise à l'autorité du

akomokamo, atararangiza gahunda zamuteganyirijwe.

of the planned programs.

District d'origine avant la fin des programmes prévus à son égard.

**Ingingo ya 18: Abakozi b'Ikigo**

Abakozi b'Ikigo bashyirwaho hakurikijwe amategeko abigenga.

**Article 18: Staff of the Center**

The staff of the Center are recruited in accordance with relevant Laws.

**Article 18: Personnel du Centre**

Le personnel du Centre est recruté conformément à la législation en la matière.

**Ingingo ya 19: Itangwa rya raporo**

Buri gihembwe ndetse n'igihe cyose bibaye ngombwa, Umuhuzabikorwa w'Ikigo aha Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Igororamuco raporo y'ibikorwa, Minisitiri ufite igororamuco mu nshingano ze akagenerwa kopi.

**Article 19: Submission of report**

Each quarter and whenever considered necessary, the Coordinator of the Center submits to the Director General of the National Rehabilitation Service an activity report and provides a copy to the Minister in charge of rehabilitation.

**Article 19: Soumission du rapport**

Chaque trimestre et chaque fois que de besoin, le Coordinateur du Centre transmet au Directeur Général du Service National de Réhabilitation un rapport d'activité et donne copie au Ministre ayant la réhabilitation dans ses attributions.

## UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA

## CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS

## CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES

**Ingingo ya 20: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka**

Minisitiri w'Intebe na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.

**Article 20: Authorities responsible for the implementation of this Order**

The Prime Minister and the Minister of Local Government are responsible for the implementation of this Order.

**Article 20: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**

Le Premier Ministre et le Ministre de l'Administration Locale sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

**Ingingo ya 21: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Article 21: Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

**Article 21: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Ingingo ya 22: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 02/06/2018

(sé)
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

(sé)
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Article 22: Commencement**

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 02/06/2018

(sé)
**KAGAME Paul**
President of the Republic

(sé)
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

**Article 22: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 02/06/2018

(sé)
**KAGAME Paul**
Président de la République

(sé)
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux